IBENDERA RIBAKOZEHO
>
> Abasore batandatu biga mu ishuri rikuru ry'
> ubuhinzi n'ubworozi (ISAE) kuva mu cyumweru gishize ku
> wa 24 Mutarama 2002 ku gicamunsi bacumbikiwe muri
> gereza nkuru ya Kigali (1930) bazira ko baba
> barasuzuguye ndetse bagatuka ibendera rishya ry'u
> Rwanda.
>
> Gakwaya Léonard, Innocent,Fidèle, Mafaranga Pierre
> Célestin, na bagenzi babo babiri Umuseso utashoboye
> kumenya amazina bari mu mwaka wa mbere wa ririya shuri
> rikorera i Rubirizi ho mu nkengero z'umugi wa Kigali.
> Ifatwa n'ifungwa rya bariya basore mo muri Kaminuza
> byemejwe kuri telefoni n'umuyobozi wa ISAE,
> bishimangirwa na Secrétaire d'Etat muri Ministeri
> y'Uburezi Bwana Jean Damascène Ntawukuriryayo mu
> kiganiro bagiranye n'Umuseso mu mpera z'icyumweru
> gishize.
>
> "Basuzuguye ibendera ry'igihugu", akaba ari Secrétaire
> d'Etat Ntawukuriryayo yatangarije Umuseso, asobanura
> ko bariya banyeshuri ba ISAE begereye ibendera rishya
> ry'u Rwanda barifataho ngo batangira kuvuga ko ritari
> iryabo, "maze baririmba indirimbo yubahiriza igihugu
> yakuweho". Bwana Ruboneka uyobora ISAE we yavuze ko
> Gakwaya Léonard na bagenzi be bakoze icyaha cyo gutuka
> ibendera, ngo bakaba baravuze ko nta cyo rimaze. Ibyo
> ngo byabaye kuwa 11 Mutarama 2002 mu ma saa saba
> z'amanywa abayobozi b'ishuri badahari, Secrétaire
> d'Etat ndese na Bwana Ruboneka bombi bakaba bavuga ko
> batazi uburyo inzego zishinzwe umutekano zahurujwe
> zikaza gufata abanyeshuri mu kigo. "Services za
> Sécurité zabaye informés, nanjye sinzi uwaba
> yarazibwiye", iki kikaba ari igisubizo cya Ruboneka,
> wongeyeho ko bariya banyeshuri batuka ibendera byari
> mu gihe abantu bari mu kiruhuko cy'i saa sita nta wari
> ubari iruhande. Bamaze gufatwa kuwa 17 Mutarama 2002
> bafungiwe kuri "Special Intelligence" i Gikondo (aho
> bakunze kwita kwa Gacinya) bahakurwa nyuma y'icyumweru
> bamanurwa muri "1930" kuwa 24 Mutarama 2002.
>
> Ku kibazo cyo kumenya amaherezo y'abo basore ku
> bijyanye n'amasomo yabo, Secrétaire d'Etat
> Ntawukuriryayo yasubije ko nta cyo yabitangazaho, ati:
> Ikibazo gifitwe na Parquet, niyo ishinzwe
> kugikurikirana, ubwo nibaburanishwa bakaba abere
> bazarekurwa basubire ku murimo wabo, nibahamwa
> n'icyaha na bwo bazahabwa igihano cyibakwiriye."
>
> Yongeyeho ko ategereje kugira icyo atangarizwa na
> Komiseri Mukuru wa Polisi igihe amaperereza azaba
> yarangiye.
>
> Ababyeyi b'abanyeshuri bafunze batangariye Umuseso ko
> abana babo barengana. Umwe muri bo utarashake ko
> izina rye ritangazwa yavuze ko ifungwa rya bariya
> basore ryatewe n'ubwumvikane buke bwari bumaze iminsi
> buvugwa hagati y'abanyeshuri bigabanyijemo ibice
> bibiri ngo bihereye ku bigo bizemo amashuri yisumbuye.
> Haba harigeze kubaho ikopera ry'ikizamini mu minsi
> ishize noneho itsinda ryitwa "Rushashi" rirabisakuza

> bituma ikizamini gisubirwamo. Abakopezi ngo barwaye
> inzika, ku buryo ubwo abashinzwe umutekano bazaba
> gufata Gakwaya na bagenzi be hifashishijwe ilisti
> yakozwe n'abakopezi ngo ikaba yarashyikirijwe
> ubuyobozi bw'ishuri. Ngo bazaga bafata umwe umwe
> bakagenda banaga mu modoka. Haba hari umunyeshuri
> wahatiriwe kujya gushinja bariya bagenzi be, ngo
> igikundi cy'abakopezi kikaba cyaramukangishije
> kumushyirishamo na we niba atemeye gushinja. Ifungwa
> ry'aba banyeshuri kandi bivugwa ko hari umuntu wo mu
> nzego nkuru z'ubuyobozi wabigizemo uruhare, uyu akaba
> afite umwana w'umukopezi. Umuvugizi wa Polisi Tony
> Kuramba yatangariye Umuseso ko inkuru y'ifatwa
> n'ifungwa rya bariya banyeshuri atari abizi, yongeyeho
> ko yari amaze iminsi adakora kubera uburwayi.
>
> Abanyeshuri ba ISAE si bo ba mbere bafungishijwe
> n'ibendera rishya ry'u Rwanda. Bukeye rizamuwe bwa
> mbere, uwitwa Karinda Stuart yashatse kurimanura ku
> muhanda ngo agira ngo aritunge iwe mu rugo, Local
> Defense ihita imukacira. Yarekuwe hashize ibyumweru
> bitatu. Bamwe rero bagiye bacumura bitewe n'urukundo
> ry'ibishya, abandi ubujiji, bakaba na za mayibobo
> zagiye zimanura ariya mabendera yari yashyizwe ku
> muhanda zikayatwara, nta wamenya aho zayashyize.
>
> Hari abantu banyuranye bagiye batanga ibitekerezo ku
> birango bishya n'indirimbo nshya yubahiriza igihugu,
> hakaba habonekamo abatavuga rumwe na Leta bagwiriye mu
> bihugu by'i Burayi n'Amerika.
>
> Par Ismaïl Mbonigaba.-